<u>Ingingo ya 16:</u> Iterana ry'Inteko rusange	<u>Article 16:</u> Meeting of General Assembly	<u>Article 16:</u> Réunion de l'Assemblée générale
<u>Ingingo ya 17:</u> Umubare wa ngombwa kugira ngo Inteko rusange iterane	<u>Article 17:</u> Quorum	<u>Article 17:</u> Quorum
<u>Ingingo ya 18:</u> Ifatwa ry'ibyemezo	<u>Article 18:</u> Decision-making	<u>Article 18:</u> Prise de décision
<u>Ingingo ya 19:</u> Komite nyobozi	<u>Article 19:</u> Executive Committee	<u>Article 19:</u> Comité Exécutif

<u>Ingingo ya 20:</u> Gutora	<u>Article 20:</u> Election	<u>Article 20:</u> Élection
<u>Ingingo ya 21:</u> Inshingano za Perezida	<u>Article 21:</u> Responsibilities of the Chairperson	<u>Article 21:</u> Responsabilités du Président
<u>Ingingo ya 22:</u> Inshingano za Komite Nyobozi	<u>Article 22:</u> Attributions of the Executive Committee	<u>Article 22:</u> Responsabilités du Comité exécutif
<u>Ingingo ya 23:</u> Ubugenzuzi bw’umutungo	<u>Article 23:</u> Auditing of assets	<u>Article 23:</u> Audit de la propriété
<u>Ingingo ya 24:</u> Komite nkemurampaka	<u>Article 24:</u> Conflict resolution committee	<u>Article 25:</u> Comité de résolution des conflits
<u>Ingingo ya 25:</u> Umunyamabanga nshingwabikorwa	<u>Article 25:</u> Executive secretary	<u>Article 25:</u> Secrétaire exécutif
<u>Ingingo ya 26:</u> Umutungo	<u>Article 26:</u> Assets	<u>Article 26:</u> Patrimoine
<u>UMUTWE WA IV:</u> ISESWA N’IKURWAHO RY’UMUTUNGO	<u>CHAPTER IV:</u> DISSOLUTION AND LIQUIDATION	<u>CHAPITRE IV:</u> DISSOLUTION ET LIQUIDATION
<u>Ingingo ya 27:</u> Iseswa	<u>Article 27:</u> Dissolution:	<u>Article 27:</u> Dissolution
<u>Ingingo ya 28:</u> Gutanga umutungo	<u>Article 28:</u> Transfer of property	<u>Article 28:</u> Transfert de patrimoine
<u>UMUTWE WA V:</u> INGINGO ISOZA	<u>CHAPTER V:</u> FINAL PROVISION	<u>CHAPITRE V:</u> DISPOSITION FINALE
<u>Ingingo ya 29:</u> Ibi dateganyijwe na sitati	<u>Article 29:</u> Matters not provided for by the statutes	<u>Article 29:</u> Matières non prévues par les statuts

<p>AMATEGEKOSHINGIRO Y'UMURYANGO “ENGINEERS WITHOUT BORDERS-RWANDA” (EWB-Rwanda)</p> <p>UMUTWE WA MBERE: IZINA, ICYICARO, INTEGO, ICYEREKEZO, IKIGAMIJWE, IGIHE, IFASI,</p> <p><u>Ingingo ya mbere: Izina</u></p> <p>Hashingiwe ku itegeko n° 04/2012 ryo ku wa 17/02/2012, rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango nyarwanda itari iya Leta; hashinzwe umuryango witwa “ENGINEERS WITHOUT BORDERS-RWANDA” (EWB-Rwanda) mu magambo ahinnye y'icyongereza.</p> <p><u>Ingingo ya 2: icyicaro</u></p> <p>Icyicaro cy'umuryango gishinzwe muri KIST/Ikigo gikuru kiri mu Karere ka Nyarugenge, Umujyi wa Kigali. Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu gihugu byemejwe na bibiri bya gatatu (2/3) by'abagize Inteko rusange.</p>	<p>THE STATUTE OF THE ORGANIZATION “ENGINEERS WITHOUT BORDERS-RWANDA” (EWB-Rwanda)</p> <p>CHAPTER ONE: DENOMINATION, HEAD OFFICE, MISSION, VISION, PURPOSE, DURATION AND AREA OF INTERVENTION</p> <p><u>Article one: Name</u></p> <p>Pursuant to Law n° 04/2012 of 17/02/2012 governing and functioning the national non-governmental organizations, a non-governmental organization named “ENGINEERS WITHOUT BORDERS-RWANDA” (EWB-Rwanda) is created.</p> <p><u>Article 2: Head office</u></p> <p>The head office of the Organization is located in KIST/Main Campus, in the Nyarugenge District, Kigali City. It can be transferred to any other location within the territory of Rwanda, upon a decision of at least two third (2/3) of members of the General Assembly.</p>	<p>LES STATUTS RÉGISSANT L'ORGANISATION “ENGINEERS WITHOUT BORDERS-RWANDA” (EWB-Rwanda)</p> <p>CHAPITRE PREMIER: DÉNOMINATION, SIÈGE SOCIAL, MISSION, VISION, OBJET, DURÉE ET ÉTENDUE</p> <p><u>Article premier: Nom</u></p> <p>Vu la loi n° 04/2012 du 17/02/2012, portant organisation et fonctionnement des organisations non-gouvernementales nationales, il est créé une organisation dont le nom est «ENGINEERS WITHOUT BORDERS-RWANDA » (EWB-Rwanda) en sigle anglais.</p> <p><u>Article 2: Siège</u></p> <p>Le siège social de l'organisation est fixé au KIST/Main Campus, dans le District de Nyarugenge, Ville de Kigali. Il peut être transféré en tout autre endroit du pays sur décision de deux tiers (2/3) des membres de l'Assemblée Générale.</p>
--	---	---

<p><u>Ingingo ya 3: Intego</u></p> <p>Umuryango EWB-Rwanda ufite intego yo gukorana n'imiryango iri mu nzira y'amajyambere, inoza imibereho yabo binyujijwe mu burezi no mu ishyirwa mu bikorwa ry'imishinga y'ubuhanga irambye, inoze kandi itabangamiye ubukungu n'ibidukikije.</p> <p>EWB-Rwanda ifasha abanyeshuri biga muri kaminuza na ba enjeniyeri babigize umwuga b'abanyamuryango, kubona amahirwe y'imibereho myiza no kugira uruhare mu iterambere ry'umuryango rusange.</p>	<p><u>Article 3: Mission</u></p> <p>The mission of the organization EWB-RWANDA is to partner with developing communities in improving their quality of life through the education and implementation of environmentally and economically sustainable and equitable engineering projects.</p> <p>EWB-Rwanda gives to university students and engineering professionals' members a unique and life changing opportunity to participate in and improve the global community.</p>	<p><u>Article 3: Mission</u></p> <p>La mission de l'organisation EWB-RWANDA est de collaborer avec les communautés en voie de développement, en améliorant leur mode de vie à travers l'éducation, la mise en œuvre de projets d'ingénierie écologiquement et économiquement durables et équitables.</p> <p>EWB-Rwanda donne aux étudiants universitaires et aux membres Ingénieurs, une unique opportunité d'une vie mobile par leur participation et amélioration de la communauté globale.</p>
<p><u>Ingingo ya 4: icyerekezo</u></p> <p>EWB-RWANDA ifite icyerekezo cyo gufasha abaturage kugira ubushobozi bwo kwihaza byimazeyo mu byo bakeneye by'ibanze. Ifasha abanyamuryango bayo hamwe n'abafatanyabikorwa bayo kongerera ubushobozi mu kwihangira imirimo muri rusange binyuze mu mahirwe yo kwiga imyuga.</p>	<p><u>Article 4: Vision</u></p> <p>EWB-RWANDA has a vision to help the Rwandan community to have the capacity to sustainably meet their basic human needs. It helps its members together with its partners to have the global perspectives through the innovative professional educational opportunities.</p>	<p><u>Article 4: Vision</u></p> <p>EWB-RWANDA a une vision d'aider la communauté rwandaise à avoir la capacité de maintenir et d'avoir l'accès aux besoins de base. Il aide ses membres ainsi que ses partenaires à avoir des perspectives globales à travers les opportunités de formation professionnelle innovatrices.</p>
<p><u>Ingingo ya 5: Inshingano za EWB-Rwanda</u></p> <p>Inshingano y'ibanze ya EWB-Rwanda ni ukugira uruhare mu itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa ry'ubufasha mu by'ubuhanga</p>	<p><u>Article 5: Responsibilities of EWB-Rwanda</u></p> <p>The main responsibility of EWB-Rwanda is to involve the concept and implementation of engineering assistance through which most of</p>	<p><u>Article 5: Responsabilités de EWB-Rwanda</u></p> <p>La responsabilité principale de EWB-Rwanda est de participer activement dans la conception et la mise en place d'une</p>

<p>bwafasha abanyarwanda mu kubaha amahirwe yo kubona iby'ibanze nkenerwa mu buzima busanzwe. Kugira ngo ibyo bigerweho, Umuryango ukorana ku buryo bunoze n'amashami ya EWB ku isi, indi miryango, inzego ndetse n'abaturage.</p>	<p>Rwandans citizens have the opportunity to meet their most basic needs. For that, it will partner with EWB chapters from around the world, other organizations, institutions and local population.</p>	<p>assistance d'Ingénierie dans laquelle les citoyens rwandais ont la chance de satisfaire leurs besoins de base. Pour ce fait, l'organisation prévoit une collaboration étroite avec les chapitres de EWB au monde, les autres organisations, les institutions et la population locale.</p>
<p><u>Ingingo ya 6: Uburenganzira bw'abanyamuryango</u></p>	<p><u>Article 6: Members rights</u></p>	<p><u>Article 6: Les droits des membres</u></p>
<p>Abanyamuryango bose ba EWB-Rwanda bahabwa amahirwe y'akazi mu gihe cyo gushyiraho abakozi. Bahabwa amahugurwa y'umwuga kugira ngo bagire ubushobozi bwo guhugura abandi.</p>	<p>All members of the organization EWB-Rwanda have the priority in case of recruitment of employees. They professionally get trained for having the capacity to do so for others.</p>	<p>Tous les membres de l'organisation EWB-Rwanda ont la priorité en cas de recrutement des employés. Ils sont professionnellement formés pour avoir la capacité de former les autres.</p>
<p>Abanyamuryango bakirangiza kwiga bahabwa amahirwe kandi bakoroherewe kubona imenyerezamwuga mu byo bize.</p>	<p>The members fresh graduates have the priority and facilities in internships according to their fields of study</p>	<p>Les membres fraîchement diplômés ont la priorité et les privilèges aux stages suivant leurs domaines d'études.</p>
<p>EWB-Rwanda ifite inshingano zihariye zikurikira:</p>	<p>EWB-Rwanda has the following specific responsibilities:</p>	<p>EWB-Rwanda a les responsabilités spécifiques suivantes :</p>
<p>1° Kugaragaza, gukora, no gukurikirana ifatwa neza ry'imishinga yakozwe;</p>	<p>1° Identify, implement and ensure the follow-up on the maintenance of implemented projects;</p>	<p>1° Identifier, exécuter et assurer le suivi régulier sur la maintenance des projets exécutés ;</p>
<p>2° Gutanga ubufasha mu rwego rwa tekini kuri Leta y'u Rwanda, imiryango itagengwa na Leta, ibigo n'abaturage hagamijwe kugera ku ntego z'ikiinyagihumbi;</p>	<p>2° Providing technical assistance to Rwandan Governmental, non-governmental organizations, institutions and population in order to achieve millennium development</p>	<p>2° Fournir l'assistance technique au gouvernement Rwandais, organisation non-gouvernemental, les institutions et la population pour atteindre les objectifs du millénaire ;</p>

Official Gazette n° Special of 31/12/2020

<p>3° Kwimakaza umuco wo guhanga udushya ndetse n’imirimo mu byiciro byose higishwa imyuga inyuranye kugira ngo Abanyarwanda benshi babashe kugira ubushobozi bwo gushyira mu bikorwa ibyo bize bikabafasha kwiteza imbere.</p>	<p>goals; 3° Build the spirit of innovation and entrepreneurship in all sectors of activities with professional training so that more Rwandans get capacity by exercising different practices for improving living standards;</p>	<p>3° Créer l’esprit d’innovation et création d’emploi dans tous les secteurs par le biais des enseignements professionnels pour faciliter beaucoup de rwandais à avoir la capacité dans l’exercice de différentes pratiques; ce qui rendra leur vie meilleure</p>
<p>4° Guha ubufasha EWB mpuzamahanga mu ishyirwa mu bikorwa ry’imishinga yawo mu Rwanda.</p>	<p>4° Providing assistance to EWB-International in the implementation of its projects in Rwanda;</p>	<p>4° Assister EWB-International dans l’exécution de ses projets au Rwanda ;</p>
<p>5° Gukorana na Leta y’u Rwanda mu kugaragaza uturere dukeneye imishinga yagira uruhare runini mu iterambere ry’abaturage kurusha iyindi mu Turere ndetse n’Intara;</p>	<p>5° Working jointly with the Rwandan Government to identify the regions of greatest need throughout the country and identify projects that will have the greatest impact to the population in the Districts and Provinces;</p>	<p>5° Travailler conjointement avec le gouvernement rwandais pour l’identification des régions nécessaires et des projets ayant l’impact positif sur la population dans les Districts et Provinces ;</p>
<p>6° Gutegura ibikorwa bigamije kongera umutungo kugira ngo imishinga yatoranyijwe ishyirwe mu bikorwa kandi ibungabungwe;</p>	<p>6° Organize fundraising activities in order to implement and maintain identified projects,</p>	<p>6° Organiser les activités de collecte de fonds pour l’exécution et la maintenance des projets identifiés ;</p>
<p>7° Gushyiraho ikigo cy’amahugurwa no gutanga amahugurwa y’imyuga inyuranye</p>	<p>7° Establishing training centre and provide professional skills</p>	<p>7° Créer un centre de formation et fournir des compétences professionnelles ;</p>
<p>8° Gukorana na EWB-International mu ishyirwa mu bikorwa ry’imishinga no</p>	<p>8° Partner with EWB-International in the implementation of projects and</p>	<p>8° Collaborer avec EWB-International dans l’exécution des projets et</p>

<p>kubaka ubushobozi</p> <p><u>Ingingo ya 7: Igihe</u></p> <p>EWP-Rwanda uzamara igihe kitazwi.</p> <p><u>Ingingo ya 8: Ifasi</u></p> <p>Umuryango uzakorera ibikorwa byawo ku butaka bw'u Rwanda. Ariko ushobora igihe icyo ari cyo cyose gukorera ibikorwa byawo hanze y'igihugu mu buryo mpuzamahanga.</p> <p><u>UMUTWE WA II: KUBA UMUNYAMURYANGO</u></p> <p><u>Ingingo ya 9: Abanyamuryango</u></p> <p>Umuryango ugizwe n'abanyamuryango bawushinze, abanyamuryango bazawinjiramo n'abanyamuryango b'icyubahiro.</p> <p>Abanyamuryango bawushinze ni abashyize umukono kuri aya mategeko.</p> <p>Abanyamuryango bazawinjiramo ni abemejwe n'Inteko Rusange bamaze kwemera aya mategeko shingiro.</p> <p>Abanyamuryango b'icyubahiro ni abantu</p>	<p>capacity building.</p> <p><u>Article 7: Duration</u></p> <p>EWP-Rwanda is created for unlimited time.</p> <p><u>Article 8: Area of intervention</u></p> <p>The Organization shall carry out its activities throughout the Rwandan territory. It may, at any time, carry out its activities internationally out of the country.</p> <p><u>CHAPTER II: MEMBERSHIP</u></p> <p><u>Article 9: Members</u></p> <p>The Organization comprises of founding, associate and honorary members.</p> <p>Founding members are individuals who are signatories to the present statute.</p> <p>Associate members are those who have been approved by the general assembly of the organization after their subscription to the present statutes.</p> <p>Honorary members are individuals or legal</p>	<p>renforcement des capacités ;</p> <p><u>Article 7: Durée</u></p> <p>EWP-Rwanda est créé pour une durée indéterminée.</p> <p><u>Article 8: Étendue</u></p> <p>L'organisation exercera ses activités sur toute l'étendue du territoire Rwandais. Toutefois, il peut exercer ses activités intentionnellement à l'extérieur du pays.</p> <p><u>CHAPITRE II : DEVENIR MEMBRE</u></p> <p><u>Article 9: Membres</u></p> <p>L'Organisation comprend des membres fondateurs, des membres adhérents et des membres d'honneur.</p> <p>Sont membres fondateurs, les signataires des présents statuts.</p> <p>Les membres adhérents Sont ceux qui seront agréés par l'assemblée générale de l'organisation après leur adhésion à ces statuts.</p> <p>Sont membres d'honneur les personnes</p>
--	---	---

<p>cyangwa ibigo bitera inkunga umuryango kandi byemerewe kuba abanyamuryango b'icyubahiro.</p> <p><u>Ingingo ya 10:</u> Gusaba kuba umunyamuryango</p> <p>Gusaba kuba umunyamuryango bikorwa mu nyandiko yandikirwa umuyobozi w'umuryago uyishyikiriza Inteko Rusange kugira ngo ibyemeze</p> <p><u>Ingingo ya 11:</u> Gutakaza kuba umunyamuryango</p> <p>Ubunyamuryango butakazwa kubera imwe mu mpamvu zikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° Gusezera ku bushake byemejwe n'Inama Rusange; 2° Imyitwarire iyo ari yo yose ibangamiye intego z'umuryango; 3° Gusiba inama inshuro zirenze eshatu (3) zikurikiranye nta mpamvu mu Nteko Rusange; 4° Kudatanga umusanzu wa buri mwaka mbere y'uko inama rusange ikurikiye iterana; 	<p>entities who support it morally or materially to which the General Assembly will have conferred that quality.</p> <p><u>Article 10:</u> Application for membership</p> <p>Applications for membership shall be addressed to the organization's Chairperson who shall submit them to the General Assembly for approval.</p> <p><u>Article 11:</u> Loss of membership</p> <p>Membership can be lost in the following cases:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° Voluntary resignation and approved by the General Assembly; 2° Any conduct likely to tarnish the purpose of the organization; 3° Unjustified absence from more than three (3) consecutive meetings of the General Assembly; 4° Non-payment of annual subscription fees before the next general assembly; 	<p>physiques ou morales qui la soutiennent moralement ou matériellement et à qui l'Assemblée général a attribué cette qualité.</p> <p><u>Article 10:</u> Demande d'adhésion</p> <p>Les demandes d'adhésion sont adressées par écrit au Président de l'organisation qui les soumet à son tour pour approbation à l'Assemblée Générale.</p> <p><u>Article 11:</u> Perte de la qualité de membre</p> <p>La qualité de membres peut se perdre dans l'un des cas suivants :</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° La décision de retrait volontaire approuvée par l'Assemblée Générale 2° Tout comportement pouvant compromettre les objectifs de l'Organisation 3° Absences non justifiées dans plus de trois (3) réunions consécutives de l'Assemblée Générale ; 4° Le non versement de la cotisation annuelle avant la prochaine Assemblée générale;
---	---	--

<p>5° Kutubahiriza amategeko n'amahame ngenderwaho by'umuryango;</p> <p>6° Apfuye.</p> <p><u>Ingingo ya 12: Gufata ibyemezo ku gusezerera umunyamuryango</u></p> <p>Icyemezo cyo gusezerera umunyamuryango gifatwa n'Inteko Rusange ku bwiganze bwa (2/3) by'abanyamuryango</p> <p><u>UMUTWE WA III: IMITERERE, UBUBASHA N'INSHINGANO BY'INZEGO</u></p> <p><u>Ingingo ya 13: Inzego</u></p> <p>Inzego z'umuryango ni zikurikira:</p> <p>1° Inteko rusange;</p> <p>2° Komite Nyobozi ;</p> <p>3° Komite ngenzuzi ; na</p> <p>4° Komite nkemurampaka.</p> <p><u>Ingingo ya 14: Abagize Inteko Rusange</u></p> <p>Inteko rusange igizwe n'abanyamuryango bashinze umuryango n'abanyamuryango bawinjiyemo.</p>	<p>5° Non-compliance to the statute and internal rules and regulations of the organization;</p> <p>6° Death.</p> <p><u>Article 12: Decision-making on exclusion of a member</u></p> <p>The decision to exclude a member is taken by the General Assembly by a majority of at least two thirds (2/3) of the votes of the active members.</p> <p><u>CHAPTER III: STRUCTURE, POWERS AND FUNCTIONS OF ORGANS</u></p> <p><u>Article 13: Organs</u></p> <p>The organs of the Organization are the following:</p> <p>1° the General Assembly;</p> <p>2° the Executive Committee;</p> <p>3° the Audit committee; and</p> <p>4° the resolution conflicts committee.</p> <p><u>Article 14: Members of General Assembly</u></p> <p>The General Assembly is composed of founding members and associate members.</p>	<p>5° Le non-respect des statuts et de règlement d'ordre intérieur ;</p> <p>6° Le décès</p> <p><u>Article 12: Prise de décision d'exclusion d'un membre</u></p> <p>La décision d'exclure un membre est prise par Assemblée générale à la majorité d'au moins deux tiers (2/3) des voix des membres actifs.</p> <p><u>CHAPITRE III: STRUCTURE, COMPÉTENCE, ATTRIBUTIONS DES ORGANES</u></p> <p><u>Article 13: Organes</u></p> <p>Les organes de l'Organisation sont les suivants:</p> <p>1° l'Assemblée Générale ;</p> <p>2° le Comité Exécutif ;</p> <p>3° le comité de contrôle, et</p> <p>4° le comité de résolution des conflits.</p> <p><u>Article 14: Membres de l'Assemblée générale</u></p> <p>L'assemblée générale est composée des membres fondateurs et des membres adhérents.</p>
--	---	--

<u>Ingingo va 15: Inshingano z’Inteko rusange</u>	<u>Article 15: Duties of General Assembly</u>	<u>Article 15: Responsabilités de l’Assemblée générale</u>
Inteko rusange ni urwego rw’ikirenga rw’umuryango. Ifite ububasha busesuye ku mikorere y’umuryango mu buryo bukurikira:	The General Assembly is the supreme organ of the Organization. It has the extensive powers over the functioning of the organization, including:	L’Assemblée Générale est l’organe suprême de l’Organisation. Elle a les pouvoirs les plus étendus sur le fonctionnement de l’organisation, notamment:
1° Kugena politiki rusange y’umuryango;	1° to define the Organization’s general policy;	1° définir la politique générale de l’Organisation ;
2° Gutora abagize Komite Nyobozi;	2° to elect members of the Executive Committee;	2° élire des membres du Comité exécutif;
3° Gushyiraho amakomisiyo yihariye ;	3° To set up specialized commissions;	3° créer des commissions spécialisées;
4° Kugena umubare w’amafaranga y’umusanzu wa buri mwaka;	4° To set the amount of the annual contribution;	4° fixer le montant des cotisations annuelles;
5° Kwemeza raporo y’ibikorwa by’abagize Komite Nyobozi no kwemeza ingengo y’imari ndetse n’ibaruramari ;	5° To adopt Executive Committee activity report and approve the budget and accounts;	5° approuver le rapport d’activités du Comité exécutif, du Budget et des comptes;
6° Kwemeza no guhindura amategeko ngenga mikorere y’umuryango;	6° To adopt and modify the Organization’s internal regulations;	6° approuver le règlement d’ordre intérieur et ses modifications;
7° Guhindura amategeko agenga umuryango;	7° To amend the statute of the organization;	7° modifier les statuts de l’organisation;
8° Kwemeza abanyamuryango b’icyubahiro.	8° To approve honorary members;	8° approuver des membres d’honneur.

<p><u>Ingingo ya 16: Iterana ry’Inteko rusange</u></p> <p>Inteko rusange iterana mu nama yayo isanzwe kabiri (2) mu mwaka n’igihe cyose bibaye ngombwa mu nama idasanze byemejwe na Komite Nyobozi cyangwa bisabwe na kimwe cya gatatu (1/3) cy’abanyamuryango.</p>	<p><u>Article 16: Meeting of General Assembly</u></p> <p>The General Assembly meets twice a year in ordinary session and at any time in extraordinary session when approved by the Executive Committee or by request of a third (1/3) of members.</p>	<p><u>Article 16: Réunion de l’Assemblée générale</u></p> <p>L’Assemblée Générale se réunit en session ordinaire deux (2) fois par an et en session extraordinaire autant de fois que de besoin sur décision du Comité exécutif ou sur demande d’un tiers (1/3) des membres de l’Organisation.</p>
<p><u>Ingingo ya 17: Umubare wa ngombwa kugira ngo Inteko rusange iterane</u></p> <p>Inteko Rusange iterana kandi igafata ibyemezo bifite agaciro iyo bitatu bya kane (3/4) by’Abanyamuryango b’Ishyirahamwe byitabiriye inama.</p> <p>Iyo bitatu bya kane (3/4) bitabonetse, Inteko Rusange yongera gutumizwa mu gihe kitarenze iminsi mironko itatu (30), kandi igafata ibyemezo ndakuka hatitawe ku mubare w’Abanyamuryango babonetse.</p>	<p><u>Article 17: Quorum</u></p> <p>The General Assembly meet and take valid decision only where at least three quarts (3/4) of its members are present.</p> <p>When the quorum of three quarts (3/4) is not reached, the General Assembly will be convened again within thirty (30) days and will take valid decisions regardless of the number of members present.</p>	<p><u>Article 17: Quorum</u></p> <p>L’Assemblée Générale se réunit et décide valablement si au moins trois quarts (3/4) de ses membres sont présents.</p> <p>Lorsque le quorum de trois quarts (3/4) n’est pas atteint, l’Assemblée Générale sera convoquée à nouveau dans les trente (30) jours et prendra des décisions valables quel que soit le nombre des membres présents.</p>
<p><u>Ingingo ya 18: Ifatwa ry’ibyemezo</u></p> <p>Inteko rusange ifata ibyemezo ku bwiganze burunduye bw’amajwi. Ariko icyemezo cyo guhindura amategeko no kwirukana umunyamuryango, gifatwa ku bwiganze bwa bitatu bya kane (3/4) by’abanyamuryango bitabiriye inama.</p>	<p><u>Article 18: Decision-making</u></p> <p>The General Assembly takes the decision by the absolute majority of the members. However, the decision to amend the statutes and dismiss a member is taken on the three quarters (3/4) majority of the present members.</p>	<p><u>Article 18: Prise de décision</u></p> <p>L’Assemblée Générale prend ses décisions à la majorité absolue. Toutefois, les décisions relatives à la modification des statuts et à l’exclusion des membres sont prises à la majorité de trois quarts (3/4) des membres présents.</p>

<p><u>Ingingo ya 19: Komite nyobozi</u></p> <p>Komite Nyobozi igizwe n’abantu batanu (5):</p> <ol style="list-style-type: none">1° Perezida;2° Visi Perezida;3° Umunyamabanga Nshingwabikorwa;4° Umubitsi/Umuyobozi w’Imari;5° N’umujyanama uhoraho. <p><u>Ingingo ya 20: Gutora</u></p> <p>Komite nyobozi itorwa n’inteko rusange ikagira manda y’imyaka 3. Ishobora kongerwa rimwe gusa. Komite nyobozi iterana mu nama isanzwe inshuro eshatu (3) mu mwaka naho idasanzwe iterana igihe cyose bibaye ngombwa.</p> <p><u>Ingingo ya 21: Inshingano za Perezida</u></p> <p>Perezida ashinzwe iyubahirizwa rya sitati n’ishyirwa mu bikorwa ry’ibyemezo by’inteko rusange. Atumiza akanayobora inama y’inteko rusange na Komite Nyobozi, afatanyije n’Umunyamabanga Nshingwabikorwa.</p> <p>Igihe atabonetse, imirimo ye ikorwa na visi-perezida, ari na we Muhuzabikorwa</p>	<p><u>Article 19: Executive Committee</u></p> <p>The Executive Committee is composed of five (5) members:</p> <ol style="list-style-type: none">1° the Chairperson;2° The Vice Chairperson;3° the Executive Secretary;4° the Treasurer/Financial Director; and5° the permanent advisor. <p><u>Article 20: Election</u></p> <p>The Executive Committee is elected by the General Assembly. It has a mandate of three (3) years that can be renewed once. The Executive Committee meets three (3) times a year in its ordinary session and at any time in extraordinary session.</p> <p><u>Article 21: Responsibilities of the Chairperson</u></p> <p>The Chairperson is in charge of the respect of the statutes as well as the implementation of the general Assembly’s decisions. He or she invites and presides over the general assembly meeting and Executive Committee meeting in consultation with the Executive Secretary.</p> <p>In case of absence, he or she will be replaced by the Vice Chairperson who is also the</p>	<p><u>Article 19: Comité Exécutif</u></p> <p>Le Comité exécutif est composé de cinq (5) membres:</p> <ol style="list-style-type: none">1° le Président ;2° le vice-président ;3° le Secrétaire Exécutif ;4° le trésorier/Directeur Financier ; et5° le conseiller Permanent. <p><u>Article 20: Élection</u></p> <p>Le Comité exécutif est élu par l'Assemblée Générale pour un mandat de trois (3) ans renouvelables une fois. Il se réunit ordinairement trois (3) fois par an, et en session extraordinaire autant de fois que de besoin.</p> <p><u>Article 21: Responsabilités du Président</u></p> <p>Le Président a la charge de veiller au respect des statuts et à l'application des décisions de l'Assemblée Générale. Il convoque et préside l'Assemblée Générale et les réunions du Comité exécutif, en consultation avec le Secrétaire Exécutif.</p> <p>En cas d'empêchement, ses fonctions sont remplies par le Vice-président qui est le</p>
--	--	--

Official Gazette n° Special of 31/12/2020

<p>w'imishinga y'umuryango.</p>	<p>Coordinator of all projects' activities in the organization.</p>	<p>Coordonnateur des activités des projets au sein de l'organisation.</p>
<p><u>Ingingo ya 22: Inshingano za Komite Nyobozi</u></p>	<p><u>Article 22: Attributions of the Executive Committee</u></p>	<p><u>Article 22: Responsabilités du Comité exécutif</u></p>
<p>Komite Nyobozi ifite inshingano zikurikira:</p>	<p>The Executive Committee has the following attributions:</p>	<p>Les responsabilités du Comité exécutif sont:</p>
<p>1° Gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inteko rusange;</p>	<p>1° To implement the decisions of the General Assembly;</p>	<p>1° Exécuter les décisions de l'Assemblée Générale ;</p>
<p>2° Gutegura impinduka zishobora gukorwa kuri sitati n'amategeko ngenza mikorere;</p>	<p>2° To elaborate the possible amendments to the statutes and the internal regulations;</p>	<p>2° Élaborer des modifications possibles aux statuts et aux règlements d'ordre intérieur ;</p>
<p>3° Kwemeza ishyirwa n'ikurwa mu myanya ry'abakozi b'umuryango igihe ari ngombwa;</p>	<p>3° To approve the recruitment and the dismissal of the personnel of the Organization if necessary;</p>	<p>3° Approuver l'engagement et le licenciement du personnel de l'Organisation s'il y a lieu ;</p>
<p>4° Gukurikirana iyubahirizwa n'amabwiriza;</p>	<p>4° To ensure the compliance with the regulations;</p>	<p>4° Assurer le respect des règlements ;</p>
<p>5° Gutegura no kugeza ku Nteko rusange ingengo y'imari y'umwaka na raporo z'igihembwe z'ibikorwa by'umuryango;</p>	<p>5° To prepare and present the annual budget and quarterly budget execution reports to the General Assembly;</p>	<p>5° Préparer et présenter le budget annuel et les rapports trimestriels d'exécution budgétaire à l'assemblée Générale ;</p>
<p>6° Gucunga umutungo w'umuryango;</p>	<p>6° to manage assets of organisation;</p>	<p>6° Gérer le patrimoine de l'organisation ;</p>
<p>7° Gutegura no kuyobora inama z'Inteko rusange,;</p>	<p>7° To prepare and preside over the meetings of the General Assembly;</p>	<p>7° Préparer et diriger les réunions de l'assemblée Générale;</p>

<p>8° Gukora no kugeza ku nama rusange raporo y'ibikorwa by'umwaka ku bufatanye n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa;</p> <p>9° Gufata icyemezo icyo ari cyo cyose cyihutirwa kandi cy'ingirakamaro kitabangamiye inyungu z'umuryango kitari mu bubaha bw'Inteko rusange;</p> <p><u>Ingingo ya 23: Ubugenzuzi bw'umutungo</u></p> <p>Komite Ngenzuzi igizwe n'abantu batatu (3) batorwa n'Inteko rusange ku bwiganze burunduye bw'abitabiriye inama.</p> <p>Igenzura rikorwa na Komite Ngenzuzi, ishinzwe kugenzura umutungo w'amafaranga n'ibikoresho bya EWB-RWANDA, ishinzwe no kureba ko inzego z'uyu muryango zubahiriza amategeko, ikabikorera raporo ikayishyikiriza inteko rusange y'umuryango.</p> <p>Igikorwa cy'ubugenzuzi gikorwa kabiri (2) mu mwaka, n'ikindi gihe cyose bibaye ngombwa.</p>	<p>8° Develop and present the annual activity report to the General Assembly, in consultation with the Executive Secretary.</p> <p>9° Undertaking any urgent beneficial action and decisions concerning the organization without assaulting the abilities of General Assembly;</p> <p><u>Article 23: Auditing of assets</u></p> <p>The control committee is composed by three (3) members elected by the General Assembly with the absolute majority of the present members.</p> <p>The auditing is done by Control Committee, which is in charge of control for EWB-RWANDA funds and assets. It is also in charge of ensuring that the Organs of this organization are in compliance with the Laws, and make related report to be submitted to the General assembly.</p> <p>The auditing exercise will be carried out twice a year and whenever deemed necessary.</p>	<p>8° Développer et présenter le rapport annuel des activités à l'assemblée Générale en collaboration avec le Secrétaire Exécutif ;</p> <p>9° Entreprendre toute action bénéfique et toute décision urgente concernant l'organisation sans porter atteinte aux capacités de l'Assemblée Générale</p> <p><u>Article 23: Audit de la propriété</u></p> <p>Le comité de contrôle est composé de trois (3) membres élus par l'Assemblée générale à la majorité absolue des membres présents.</p> <p>L'audit est assuré par le Comité de contrôle, qui est chargé de l'audit des finances et patrimoine de EWB-RWANDA. Il est aussi chargé d'assurer que les organes de cette organisation agissent en conformité avec les Lois, et prépare des rapports y relatif à remettre à l'Assemblée générale.</p> <p>L'audit se fait deux (2) fois l'an, et à chaque fois que de besoin.</p>
--	---	--

<u>Ingingo ya 24: Komite nkemurampaka</u>	<u>Article 24: Conflict resolution committee</u>	<u>Article 25: Comité de résolution des conflits</u>
<p>Komite Nkemurampaka irigenga. Ishinzwe gukemura amakimbirane yose avutse mu nzego za EWB-RWANDA cyangwa mu banyamuryango bawo.</p> <p>Komite nkemurampaka igizwe n’abantu barindwi (7) b’inararibonye kandi b’inyangamugayo, barimo:</p> <ol style="list-style-type: none">1° Umuyobozi wa komite,2° Umuyobozi wa komite wungirije,3° Umwanditsi. <p>Abagize Komite nkemurampaka batorwa n’Inteko rusange ku bwiganze burunduye bw’abitabiriye Inteko rusange, ku gihe cy’imyaka itatu (3) ishobora kongerwa.</p> <p>Komite nkemurampaka iterana inshuro imwe (1) mu Kwezi mu nama rusange ku bwiganze bwa bitatu bya kane ($\frac{3}{4}$) by’abayigize, n’ikindi gihe cyose bibaye ngombwa mu nama idasanzwe.</p> <p>Ikemura amakimbirane mu bwumvikane ku buryo bw’ubwumvikane, ikanabikorera raporo.</p>	<p>This Conflicts Resolution Committee is independent. It is responsible for resolving any dispute that arises within the EWB-RWANDA organs or among its members.</p> <p>The conflict resolution committee is composed of seven (7) persons with experience and integrity including:</p> <ol style="list-style-type: none">1° Chairperson of the committee,2° Deputy Chairperson of the committee,3° Secretary. <p>Members of the conflict resolution committee are all elected by the General Assembly with the absolute majority of the present members, for a renewable period of three (3) years.</p> <p>The conflict resolution committee meets once a month in ordinary session by effective members at least three quarter ($\frac{3}{4}$), and at any time in extraordinary session when necessary.</p> <p>It resolves the conflicts amicably, and draws up the related report.</p>	<p>Le Comité de Résolution des Conflits est indépendant. Il est chargé de résoudre tout litige qui naît au sein des organes de EWB-RWANDA ou parmi ses membres.</p> <p>Le Comité de résolution des conflits est composé de sept (7) personnes intègres et bien expérimentées dont:</p> <ol style="list-style-type: none">1° Le Président du comité,2° Vice-président du comité,3° Le secrétaire. <p>Les membres du Comité de résolution des conflits sont tous élus par l’Assemblée Générale à la majorité absolue des membres présents, pour un mandat de trois (3) ans renouvelables.</p> <p>Le Comité de résolution des conflits se réunit une fois par mois dans la session ordinaire à la majorité d’au moins trois quarts ($\frac{3}{4}$) de ses membres, et chaque fois que de besoin dans la session extraordinaire.</p> <p>Il résout les problèmes à l’amiable, et rédige un procès-verbal y relatif.</p>

<p>Iyo ubwo buryo bwo kumvikana bunaniranye, uruhande rutabyishimiye rushyikiriza ikirego Urukiko rubifitiye ububasha, mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30), uhereye igihe bakiriye raporo ku ikemurwa ry'ikibazo.</p> <p><u>Ingingo ya 25:</u> Umunyamabanga nshingwabikorwa</p> <p>Umunyamabanga Nshingwabikorwa afite inshingano zikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° gucunga imikorere y'umuryango ya buri muni; 2° guhagararira umuryango mu buryo bw'amategeko, mu nzego z'ubuyobozi bwite bwa Leta, abaterankunga b'umuryango n'abafatanyabikorwa; 3° guhuza ibikorwa byose by'umuryango; 4° Gushaka no gucunga abakozi, harimo guhagarika amasezerano yabo; 5° gushyira umukono ku nyandiko zose z'umuryango, harimo amategeko shingiro y'umuryango. 	<p>In case that amicable procedure fails, the unsatisfied party may file a dispute to the competent Court of the Republic of Rwanda, within thirty days (30) starting from the date of receiving the related report.</p> <p><u>Article 25:</u> Executive secretary</p> <p>The Executive Secretary has the following responsibilities:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° To ensure the daily management of the organization's activities; 2° to represent legally the organization before the public administration, donor's board and partners; 3° to coordinate all activities of organization; 4° to recruit and manage the staff of the organisation, including contract termination; 5° to sign all documents of the organisation, including the statutes. 	<p>À défaut de règlement à l'amiable de conflit, la partie qui n'est pas d'accord de la solution, peut soumettre le litige à la Juridiction Rwandaise compétente, dans trente (30) jours à compter de la date de réception du rapport y relative.</p> <p><u>Article 25:</u> Secrétaire exécutif</p> <p>Le Secrétaire Exécutif a les attributions suivantes :</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° assurer la gestion journalière des activités de l'organisation ; 2° représenter légalement l'organisation devant l'administration publique, le conseil des bailleurs de fonds et les partenaires ; 3° coordonner toutes les activités de l'organisation ; 4° recruter et gérer le personnel de l'organisation, y compris la résiliation de leur contrat ; 5° signer tous les documents de l'organisation, y compris les statuts de l'organisation.
---	--	---

<p>Umunyamabanga Nshingwabikorwa atorerwa manda y’imyaka ine (4) yongerwa inshuro imwe. Ashobora kuvanwa ku mirimo ye byemejwe na bibiri bya gatatu (2/3) by’abitabiriye Inteko rusange.</p> <p>Nyuma ya manda ye, Umunyamabanga Nshingwabikorwa ashobora kuba yatorerwa kuba Perezida w’icyubahiro w’umuryango.</p> <p><u>Ingingo ya 26: Umutungo</u></p> <p>Umutungo w’umuryango uturuka:</p> <p>1° Mu misanzu y’abanyamuryango ya buri mwaka;</p> <p>2° Impano, imirage n’indagano;</p> <p>3° Ibivuye mu bikorwa byakozwe n’umuryango.</p>	<p>The Executive Secretary is elected for a mandate of four (4) years renewable only once. He or she may be removed from office by the General Assembly with the majority of two third (2/3) of the present members.</p> <p>After his or her terms have expired, the Executive Secretary may be appointed honorary Chairperson.</p> <p><u>Article 26: Assets</u></p> <p>The organization’s resources come from:</p> <p>1° Contributions from members;</p> <p>2° Donations, legacies and gifts;</p> <p>3° Proceeds from the activities of the Organization;</p>	<p>Le Secrétaire Exécutif est élu pour un mandat de quatre (4) ans renouvelable une seule fois. Il peut être démis de ses fonctions par l’Assemblée générale à la majorité de deux tiers (2/3) des membres présents.</p> <p>Après que ses mandats soient expirés, le Secrétaire Exécutif peut être nommé le président d’honneur de l’organisation.</p> <p><u>Article 26: Patrimoine</u></p> <p>Les recettes de l’organisation proviennent:</p> <p>1° Des cotisations annuelles versées par les membres ;</p> <p>2° Des subventions, dons et legs;</p> <p>3° Des produits de la vente de ses activités.</p>
<p><u>UMUTWE WA IV: IESWA N’IBIREBANA N’UMUTUNGO</u></p> <p><u>Ingingo ya 27: Iseswa</u></p> <p>Iseswa ry’Umuryango ryemezwa n’inama idasanzwe y’inteko rusange ku bwiganze bwa (3/4) by’abanyamuryango bose, ibisabwe mu nyandiko nibura na (3/4) by’abayigize mu gihe kitari hasi y’amezi</p>	<p><u>CHAPTER IV: DISSOLUTION AND ALLOCATION OF ASSETS</u></p> <p><u>Article 27: Dissolution:</u></p> <p>The dissolution of the organization is decided by the Extraordinary General Assembly ruling by a majority of (3/4) of the effective members, upon written request of at least (3/4) of its effective members made within a</p>	<p><u>CHAPITRE IV: DISSOLUTION - ET AFFECTATION DU PATRIMOINE</u></p> <p><u>Article 27: Dissolution</u></p> <p>La dissolution de l’organisation est décidée par l’Assemblée Générale extraordinaire statuant à la majorité des (3/4) des membres effectifs, sur demande écrite d’au moins (3/4) de ses membres faits dans une période d’au</p>

Official Gazette n° Special of 31/12/2020

<p>abiri (2) mbere y’uko iterana. icyo cyemezo kimenyeshwa urwego rwa Leta rubifitiye ububasha mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uhereye igihe gifatiwe.</p> <p>Inteko rusange ishyiraho umuntu umwe cyangwa benshi bashinzwe gukurikirana imihango y’irangizamutungo. Iyo bitabaye bityo, ushinzwe icyo gikorwa ashirwaho n’Urwego rwa Leta rubifitiye ububasha.</p> <p>Ishirwaho ry’abagize irangizamutungo, rivanaho abari bahagarariye umuryango ku buryo bw’amategeko, ndetse n’abagize za Komite Nyobozi.</p> <p><u>Ingingo ya 28: Gutanga umutungo</u></p> <p>Iyo imirimo yo kwishyura imyenda n’igenzuramari irangiye, Inteko Rusange iha umutungo wayo urundi rwego, ikigo, cyangwa umuryango bikorera mu Rwanda bifite inshingano zisa n’iza EWB-RWANDA.</p> <p>Iyo nta wundi muryango umeze nk’iyavuzwe hejuru, umutungo ushyikirizwa Urwego rwa Leta y’u Rwanda rufite mu nshingano zarwo imiryango itegamiye kuri Leta.</p>	<p>period of at least at least two (2) months before the meeting is held. This decision shall be communicated to the Competent Governmental Organ within a period not exceeding thirty (30) days from the date of decision.</p> <p>The General Assembly meeting designates a person or persons in charge of liquidation proceedings. In case of non-nomination, he or they shall be designated by the competent Governmental Organ as well.</p> <p>The appointment of liquidators put an end to mandate of Legal Representatives and the members of the Executive committees.</p> <p><u>Article 28: Transfer of property</u></p> <p>Upon completion of payment of creditors and auditing, the General Assembly shall transfer its property to another Organ, Institution, or Organization operating in Rwanda with the similar activities to those of EWB-RWANDA.</p> <p>In case there is no other organization as said above, the Rwandan Governmental Organ in charge of non-governmental organisations will be responsible of the property.</p>	<p>moins deux (2) mois avant la tenue de la réunion. Cette décision est portée à la connaissance de l’Organe compétent de l’État endéans trente (30) jours à partir de la date de décision prise.</p> <p>L’Assemblée Générale nomme l’un ou plusieurs liquidateurs chargés des procédures de liquidation. À défaut de cette nomination, la liquidation sera opérée par des liquidateurs désignés par l’Organe compétent de l’État.</p> <p>Cette nomination des liquidateurs met fin au mandat des Représentants légal et des membres des Comités exécutif.</p> <p><u>Article 28: Transfert de patrimoine</u></p> <p>Après le règlement de paiement des créanciers et de l’audit du patrimoine, L’Assemblée Générale transfère son patrimoine à une autre Organe, Institution, ou Organisation œuvrant au Rwanda dans des activités similaires à celles de EWB-RWANDA.</p> <p>S’il n’y pas, l’organe du Gouvernement Rwandais ayant les organisations non gouvernementales dans ses attributions sera responsable du patrimoine.</p>
---	---	--

<u>UMUTWE WA V: INGINGO ISOZA</u>	<u>CHAPTER V: FINAL PROVISION</u>	<u>CHAPITRE V: DISPOSITION FINALE</u>
<p><u>Ingingo ya 29: Ibidateganyijwe na sitati</u></p> <p>Ku bidateganyijwe muri iyi sitati, hazifashishwa amategeko ngengamikorere, amategeko y'u Rwanda, hamwe n'andi mabwiriza akoreshwa mu Rwanda.</p> <p>Aya mategeko yemejwe n'inama y'Inteko rusange yateraniye i Kigali ku wa 30/01/2013, kandi azatangira gukurikizwa ku italiki n'munsi ashiriweho umukono n'abagize Inteko Rusange basinye ku mugereka, kandi uherye igihe yemejwe ikanandikwa mu buryo bw'amategeko n'Urwego rw'Igihugu rubifitiye ububasha rwa Repubulika y'u Rwanda.</p> <p>Bikorewe i Kigali, kuwa 30 Mutarama, 2013</p> <p>(sé)</p> <p>Eng. BAHORANYE Wellars Perezida wa Komite Nyobozi</p> <p>(sé)</p> <p>Dr GATABAZI Jean Damascène Visi Perezida wa Komite Nyobozi</p>	<p><u>Article 29: Matters not provided for by these statutes</u></p> <p>For all matters not provided for by these statutes; the Internal regulations and Rwandan Laws and other regulations in force in Rwanda shall be applied.</p> <p>These Statutes have been established by founding members in constituent assembly held on 30/01/2013, and come into force the date and day of its signature by founder members attached hereto; and after Approval and legal registration by the Competent Organ of the Republic of Rwandan.</p> <p>Done at Kigali, on 30th January, 2013</p> <p>(sé)</p> <p>Eng. BAHORANYE Wellars Chairperson</p> <p>(sé)</p> <p>Dr GATABAZI Jean Damascène Vice Chairperson</p>	<p><u>Article 29: Matières non prévues par ses statuts</u></p> <p>Pour tout ce qui n'est pas précisé dans les présents statuts, on se référera au règlement d'ordre intérieur et aux lois en vigueur au Rwanda.</p> <p>Les présents statuts ont été adoptés par l'Assemblée Constitutive réunie à Kigali, le 30/01/2013 et entrent en vigueur à la date et au jour de leur signature par les membres fondateurs en annexe ; et après l'approbation et enregistrement légal par l'Organe Compétent de la République du Rwanda.</p> <p>Fait à Kigali, le 30 Janvier, 2013</p> <p>(sé)</p> <p>Eng. BAHORANYE Wellars Président du Comité Exécutif</p> <p>(sé)</p> <p>Dr GATABAZI Jean Damascène Vice-Président du comité exécutif</p>